ABARINZI B'IGIHANGO BASABIRWA KWEMEZWA KU RWEGO RW'IGIHUGU MU MWAKA 2019-2020

MUKARUTAMU Daphrose

Ni mwene UWISIZE Jean na NYIRAZIRAVUGA Anne Marie

Yavutse mu mwaka wa 1946, avukira i Save mu Karere ka Gisagara mu Ntara y'Amajyepfo.

Nyuma yo kurokoka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ari umupfakazi n'abana be bose barishwe yahise yiyemeza kurera abana b'imfubyi aho yareze imfubyi 20 ubu barakuze bakaba bamwe bubatse imiryango yabo.

Yashinze umuryango **DUHOZANYE** uhuriza hamwe abapfakazi ba Jenoside, ukaba warabafashije kwiyubaka, kuva mu bwigunge no kongera kugira icyizere cyo kubaho. Mu mwaka wa 1996, afatanyije n'ubuyobozi yashakiye amacumbi abapfakazi batari bafite aho kuba, bubaka amazu agera kuri mirongo itandatu (60). Buri nzu yabagamo nibura abapfakazi batatu. Nyuma yo kubona icumbi, mu rwego rwo gukomeza kwiyubaka batangije gahunda yiswe "***Subirana inka***" aho batangiye kujya bahana inka kugira ngo bongere gutunga inka no kunywa amata;

Mu rwego rwo gufasha abana barokotse jenoside bahuraga n'ihungabana rikabije aho bari mu miryango yabo bonyine nk'abana b'imfubyi, yazanye igitekerezo cyo kujya abashyira hafi ye mu mazu Ishyirahamwe Duhozanye rikoreramo maze bose bagafatanya kwibuka muri gahunda yiswe ***Babe Hafi".***

Abana baturuka mu Karere kose bahawe ayo mahirwe, ubu bamaze gufasha barenga magana abiri na mirongo itanu (250);

Mu rwego rwo gusubiza agaciro abazize Jenoside yakorewe, Abatutsi yagize uruhare rukomeye mu gikorwa cyo kubaka Urwibutso rwa Jenoside rwa Save afatanije n'ubuyobozi bw'Akarere

hamwe n’abacitse ku icumu bakoresheje inama zitandukanye zishishikariza abantu bavuka i Save baba abahatuye hamwe n’abatuye ahandi gutanga inkunga yabo kugira ngo urwibutso rwuzure .

Yafashije kandi gukora amatsinda y’ubumwe n’ubwiyunge aho yahuje abapfakazi bacitse ku icumu rya Jenoside, abafite abagabo bafunze hamwe n’abafashwe ku ngufu muri jenoside kugira ngo babashe kwiyunga binyuze mu biganiro no gukorana ibikorwa bibateza imbere.

Yagize uruhare mu bikorwa biteza imbere umugore aho yabaye umwe mu bagize itsinda ryahagarariye u Rwanda mu nama yabereye i Beijing mu mwaka wa 1995; agira kandi uruhare mu bikorwa bigamije guhindura ubuzima bw’abagore bo mu cyaro abashishikariza kwitabira mirimo ibyara inyungu.

Madamu Mukarutamu Daphrose akomeje ibikorwa biteza imbere ubumwe n’ubwiyunge bw’Abanyarwanda aho afatanya n’ubuyobozi bw’Akarere muri gahunda zigamije kwimakaza Ubumwe n’Ubwiyunge.

GASORE Serge



Ni mwene NYUNGA Augustin na MUJAWAMARIYA Béate
Yavutse 1986, mu Murenge wa Ntarama Akarere ka Bugeseramu i Ntara y'i Burasirazuba

Ibikorwa bimugira Umurinzi w'Igihango:

Gasore Serge yarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi muri Kiriziya ya Ntarama/Bugesera. Nyuma ya Jenoside, yaje kubona amahirwe yo kujya kwiga hanze, muri icyo gihe yajyaga aza gusura ahahoze ari iwabo akababazwa no kubona ari mu mamatongo n'ukuntu abantu babayeho mu mwijima mwinshi, uburakari n'imibereho mibi. Yagize igitekerezo cy'igikorwa yakorera Igihugu cye cyafasha kongera kugarura ubumwe n'ubwiyunge mu batuye Umurenge wa Ntarama.

Yagerageje gukusanya ubushobozi maze atangiza ibikorwa bigamije kongera kubaka imibanire myiza.

Yatekereje guhera ku bana babyiruka kuko yumvaga azaba yubatse u Rwanda rw'ejo yubatse irerero ry'abana b' abakene, abana banzwe n'ababyeyi, n'abana bavuka mu miryango y' abasigajwe inyuma n'amateka n'abana babaga ku mihanda. Abiga mu iri shuri nta kiguzi batanga, babona amafunguro ya mugitondo n'aya saa sita, bagahabwa impamba y'umugati wo gutwara mu rugo. Yashyizeho ivuriro ryita ku bana bari mu irerero batishoboye. Iri vuriro ritanga ubuvuzi bw'ibanze nta kiguzi. Yashyizeho gahunda zigisha ababyeyi b'abana gutegura no kugabura indyo yuzuye mu rwego rwo kurwanya imirire mibi.

Mu rwego rwo kunoza imibanire myiza yashyizeho gahunda zitandukanye, zirimo ibohero rifasha abagore barokotse Jenoside, abafite abagabo bakoze Jenoside n'abandi batishoboye muri rusange kwiteza imbere; harimo amasomo amara umwaka yo kwiga kudodesha imashini agenewe abo bagore bari muri ibi byiciro byavuzwe haruguru. Abasoje icyi cyiciro cyo kwiga kudoda bahabwa imashini zo kudoda kandi bagafashwa kwibumbira mu mashyirahamwe bakanakurikiranwa.

Yashyizeho gahunda ngaruka mwaka y'amarushanwa y'imikino yo kwiruka no gutwara amagare. Ibi bigakorwa mu gihe cy'iminsi ijana yo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi kugirango barusheho kuzirikana ku mateka mabi yaranze u Rwanda no guharanira ko bitazongera kubaho ukundi, barusheho kwegerana gusabana no gukorera hamwe.

Mu rwego rwo gufasha gukemura amakimbirane mu muryango yashyizeho inzu ihurizwamo abashakanye bafitanye amakimbiranye bagahabwa inyigisho, bakagira umwanya wo kuganira bakahava biyunze.

Yashyizeho umunsi umwe mu kwezi, aho ababyeyi bafite abana bavutse muri uko kwezi bahurira ku ishuri n'abana bagasabana bishimira itariki y'amavuko y'abana babo.

Yahaye akazi abagize uruhare muri Jenoside barangije igifungo mu rwego rwo kubafasha gusubira mu buzima busanzwe kuko yabonaga babaho bigunze.

Ibi bikorwa byose yabikoreye ku musozi yise **Umusozi w'Ibyiringiro** akaba yarashakaga guhindura amateka y'uyu musozi kuko mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi, kuri uyu musozi ariho Interahamwe zahuriraga zishimira ibyo zakoze, zikaharira n'inka zasahuye.

CARL WILKENS

Carl Wilkens yavutse mu 1957 muri Leta ya Maryland muri Leta Zunze z'Ubumwe z' Amerika.

Yageze mu Rwanda mu mwaka wa 1990 ari umuyobozi wa ADRA –Rwanda.Yaranzwe n'ibikorwa by'urukundo no kwita ku bantu bose cyane cyane ababaye.Kuva akigera mu Rwanda yababazwaga cyane n' akarengane kakorerwaga abatutsi.

Mu gihe cya Jenoside ubwo byari bikomeye, Abanyamahanga bahungishwa yanze kujyana n'umuryango we, ababyeyi be bari bamusuye, umugore n'abana be batatu, ahitamo kubohereza bonyine we asigara agerageza kurengera abari abari bamuhungiyeho barimo n'abakozi bamukoreraga mu rugo. Byabaye ngombwa ko asinyira ko mu gihe hagira icyimubaho umuryango we ntacyo uzabaza ADRA yamukoreshaga kuko icyemezo cyo gusigara agifashe we ku giti cye.

Yagiye atanga amafaranga ayaha interahamwe kugirango zitica aba bari kumwe nawe. Uretse kandi abari kumwe nawe yakoraga ibikorwa by'ubutabazi ku bakomeretse bose atarobanuye.

Mu ngendo yakoraga agerageza gutabara abari mu kaga yatoraguye umwana w'uruhinja, nyina yari amaze guhitanwa n'igisasu. Uwo mwana yamuzanye iwe amumarana ibyumweru bibiri amwitaho afatanije n'abo yari ahishe, yaje kumuha umupasiteri utarahigwaga kugirango amumufashe kuko yatinyaga ko interahamwe zizaza zikurikiye umwana urira zikaba zagirira nabi abo yari afite mu nzu. Yakomeje kumwitaho, kumushakira ibyangombwa no kumurihira amashuri. Ubu ni umuganga kandi yubatse urugo.

Carl kandi yagerageje kurengera abari barahngiye muri Orphelinat Gisimba ni muri urwo rwego yagiye gutakambira Col RENZAHO Tharcisse wayoboraga Umujyi wa Kigali amusaba kumufasha kurokora abantu bari kwa Gisimbaariko aramwangira amubwira ko adashaka kongera kumubona;

Yakomeje kurwana ku mpuzi zari muri Orphelinat zageraga kuri 450 abagemurira amazi n'ibiryo kuko amariba yose n'ibitembo byose bizana amazi kwa Gisimba bari babiciye; Yakomeje gukorera ubuvugizi izi abasha kuzifasha guhungira kuri Saint Paul ahozaje kuva zijyamuri Milles Collines ari naho barokokeye;

Nyuma ya jenoside yasubiye iwabo muri Amerika ariko akomeza gufasha abana b'imfubyi, aho bamwe muri bo yabashakiye amashuri bajya kwiga muri USA kandi ababishyurira amafaranga y'ishuri; yakomeje kandi kwita ku mibereho y'abo yari yararokoye mu gihe cya Jenoside,

Ubu **Carl Wilkens** atanga ibiganiro mbirwaruhame ahantu hatandukanye ku isi, yigisha abantu kwimakaza amahoro n'urukundo, abaha ingero zo mu Rwanda aho urukundo rwabuze hakaba Jenoside yakorewe Abatutsi.